# Icyizere

Ikinyamakuru cya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) N°Spécial Kwibuka 2011


# AVEGA yashoje iminsi 100 yo kwibuka, ishima n'abahagaritse Jenoside

*Ministre Mitari Protais wari umushyitsi mukuru muri uwo muhango, na Mme Kabasinga Chantal umuyobozi wa AVEGA.*

***Ku itariki ya 3 Nyakanga 2011, Abanyarwanda baraye bari bwizihize umunsi wo kwibohora, ababyeyi bo bibumbiye mu muryango AVEGA-Agahozo bibutse iminsi ijana bamaze bibuka ababo bazize Jenoside ariko banabafata mu mugongo, bibuka n'igikorwa cyiza cyo gutabara abari mu kaga cyakozwe n'abahoze ari ingabo za FPR-Inkotanyi. Ni mu muhango witabiriwe na Minisitiri Protais Mitari, wari umushyitsi mukuru, Abakomiseri n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa muri Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside, uwari uhagarariye Umujyi wa Kigali, Ibuka, inama y'igihugu y'abagore n'ihuriro ry'abagore b'abadepite(FFRP).***

Uwo muhango wabimburiwe n'isengesho ryayobowe na Pasteur Antoine Rutayisire mbere y'uko Mme Kabasinga Chantal, Umuyobozi wa AVEGA afata ijambo akifuriza ikaze no kugubwa neza abitabiriye uwo munsi.

Yagize ati « itariki ya 3 Nyakanga twayihariye gusubika ibikorwa byacu byo kwibuka(…), biba byegereje itariki twari tumaze kubohorwa n'ingabo za FPR-Inkotanyi ». Akomeza asobanura ko mu mezi atatu akurikira itariki 7 Mata bibuka ariko bakajya no hirya no hino mu gihugu « gukomeza abacu (basigaye) ». Muri uko gusura abanyamuryango, ngo basanze abenshi bamaze gushobora kwihanganira ibibazo n'ingorane. Icyakora basanze hari n'abataratera imbere, iteganyanya bikorwa ry'umwaka utaha rya AVEGA rikaba ngo rizashingira ku bibazo babashije kubona muri icyo gikorwa bagize cyo gusura no gukomeza abanyamuryango.

*komeza ku rup. 2*

## IBINDI BIRIMO

Mme Kabasinga Chantal umuyobozi wa AVEGA .....urup3

Mu muhango wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi muri BRD.....urup11

Imihango yo kwibuka mu ishuri rya Decatur Discovery, Indianapolis USA yitabiriwe n'abaturutse mu Rwanda.....Urup13

Bifatanyije n'abanya karongi.....urup16

Bunamiye inzirakarengane zishyinguye mu Rwibutso rwa Murambi.....Urup.17

# Ijambo ry'Ibanze

## Itangazo rya CNLG ku byerekeye amasambu n'imitungo y'abacitse ku icumu rya Jenoside

**Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) iramenyesha abantu bose bambuwe amasambu cyangwa indi mitungo basigiwe n'imiryango yabo kubera Jenoside, cyane cyane abapfakazi n'abandi bari bakiri bato, ko bageza byihutirwa ibibazo kuri Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside. Abadashoboye kuyigeraho bahamagara kuri telefoni itishyurwa 3560 cyangwa 3561 bagatanga amakuru akurikira:**

**1. Umwirondoro wa nyir'ukwamburwa isambu/umutungo : amazina ye yombi, amazina y'ababyeyi bombi, aho abarizwa ubu (akarere, umurenge, akagari, umudugudu, telefoni ye, ….)**

**2. Umwirondoro w'uwo bafitanye ikibazo: amazina, akarere, umurenge, akagali, umudugudu abarizwamo, icyo bapfana niba gihari cyangwa kugaragaza niba yaratujwemo umudugudu ntahabwe ingurane, cyangwa yaragurishijwe mu buryo butemewe n'amategeko, …**

**3. Aho isambu ihereye ubu: Intara, Akarere, Umurenge, Akagali, Umudugudu**

**4. Kugaragaza urwego ikibazo cyagejejwemo mbere y'ubu ( urugero: urukiko rw'ibanze rwa…. urwego rundi rwa Leta rumwegereye, Minisiteri runaka, Urwego rw'Umuvunyi, CNLG, IBUKA, AVEGA, ...)**

**5. Ku bibazo byageze mu nkiko hagomba kugaragara urukiko, No y'urubanza, itariki, uregwa n'urega ndetse n'umwanzuro wafashwe icyo gihe.**

**Abatabishoboye bageza ibyo bibazo byabo ku nzego zibegereye zikurikira:**

- **Abahagarariye IBUKA mu murenge no mu karere**
- **Abahagarariye AVEGA mu murenge no mu karere**
- **Abahagarariye AERG mu bigo by'amashuli bigamo**

**Cyangwa se ku:**

- **Inzegoz'ibanzeza Leta (Akagali, Umurenge, Akarere)**
- **Ku muntu uhagarariye Ikigo cya Leta gishinzwe iby'Ubutaka mu Karere**
- **Abakozi b'inzu z'Ubutabera (MAJ) mu karere**

**Ibi barasabwa kuba babimenyesheje izo nzego bitarenze kuwa kane tariki ya 30/06/2011.**

**Ku bindi bisobanuro birambuye mwahamagara kuri telephone itishyurwa kuri 3560 cyangwa 3561.**

**N.B Musabwe kumenyesha umuntu wese mwaba muzi ufite iki kibazo aho ari ho hose mu gihugu kwihutira gutanga ikibazo cye**

**Bikorewe i Kigali, kuwa 21/06/2011.**

**MUCYO Jean de Dieu**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

*Icyizere*

P.O Box 7035 KIGALI
Toll Free: 3560
E-mail : cnlg@rwanda1.com

# AVEGA yashoje iminsi 100 yo kwibuka, ishima n'abahagaritse Jenoside

*Mucyo Jean de Dieu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG na Padiri Mudenderi (i buryo).*

*Ibikurikira urup 1*

**Ibyo bageraho babigeraho ku bufatanye na Leta**

Umuyobozi wa AVEGA yishimiye ko magingo aya bamaze kugira muri buri Karere umukozi w'impuguke ufasha mu bibazo by'ihungabana( Psychologue clinicien), kandi bakaba barabashije gufungura ibiro ku cyicaro cya buri Ntara. Yanishimiye ko ibyo bageraho byose babigeraho ku bufatanye na Leta.

Nyuma y'ijambo ry'Umuyobozi wa AVEGA ijambo ryahawe umutangabuhamya, umutegarugori warokotse ukomoka i Rwamagana wavuze ko ubwicanyi bwageze muri Rwamagana buturutse i Bicumbi, kandi ko ababanje kwicwa ari abagabo,kwica abagore n'abana bikaba byaraje bitinze.

Mu butumwa butanga icyizere yavuze ko ubu abapfakazi ba Avega batinyutse gufata inguzanyo mu mabanki, ko incike zitagiheranwa n'agahinda(kuko Avega yazibereye umuryango), kandi ko ababyeyi basigaye bafata abana b'imfubyi za Jenoside bakabarera.

Mu bari batumiwe muri uwo muhango harimo Padiri Mudenderi w'Umuyezuwiti, inshuti ya Avega. Yabagejejeho ijambo ry'Imana, Zaburi ya 23 igira iti : « Ndagiwe n'umushumba mwiza uhoraho ntacyo nzabura, n'ubwo nanyura mu mukoki ucuze umwijima nta cya nkura umutima… ». Ahereye ku byo AVEGA imaze kugeraho, Padiri Mudenderi, abwira abapfakazi ba AVEGA, yagize ati : « mwabaye nka ya mbuto Yezu avuga ibanza gushanguka mbere y'uko yera izindi mbuto nyinshi », agereranya uko abo bategarugori bari bameze muri za 94, 95 n'aho bageze ubu.

**Umujyi wa Kigali wabemereye ubufatanye**

*Pasteur Antoine Rutayisire(ibumoso) niwe wayoboye isengesho ryabimburiye umuhango*

*Komeza ku rup 3*

ICYIZERE ni ikinyamakuru cya
**Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside**

**Umwanditsi Mukuru:**
Gaspard Gasasira

**Umwanditsi Mukuru Wungirije:**
Antoine Rwagahirima

**Ushinzwe Maquette:**
Kanzayire Gertrude

**Inama y'ubwanditsi:**

Bideri Diogène,
Gasasira Gaspard,
Kanzayire Gertrude,
Karengera Ildephonse,
Murekatete Rachel,
Ndahigwa J.Louis,
Rutagengwa Philibert,
Ruzindaza Jean,
Rwagahirima Antoine,
Urujeni Solange.

## ITANGAZO

**Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside irakangurira Ibigo bya Leta, Ibigo bitegamiye kuri Leta, Ibigo by'Abihayimana n'Imiryango Mpuzamahanga ikorera mu Rwanda, kujya byibuka abari abakozi babo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.**

**Ni uburyo bwo kubasubiza icyubahiro bambuwe.**

**Ubwanditsi**

# AVEGA yashoje iminsi 100 yo kwibuka, ishima n'abahagaritse Jenoside

*Ibikurikira urup 2*

*Mme Kabasinga Chantal umuyobozi wa AVEGA yishimiye ibimaze kugerwaho*

Abandi bose bafashe amagambo, ari uhagarariye Ibuka, inama y'igihugu y'abagore, Ihuriro ry'abagore b'abadepite, ndetse n'umujyi wa kigali bose bashimye ibyo Avega imaze kugeraho, bashima n'ubuyobozi bwiza bwatumye bishoboka. Ariko bashima by'umwihariko ingabo zahoze ari iza FPR Inkotanyi zabakuye mu menyo y'abicanyi.

Gasana Aimable wari uhagarariye umujyi wa Kigali wari muri kiriya gihe cya 94 mu ngabo zakoze icyo gikorwa cyiza cyo guhagarika Jenoside, yagize ati « aho abantu bageze biheba, ntawari uzi ko tuzagera aha(heza) », akomeza abasaba ko bakwegera umujyi wa kigali, ibibazo bisigaye bakabafasha kubikemura, urugero nk'ikibazo cyo kwandikisha ubutaka ndetse n'ibibazo by'iterambere. Kuri iki kibazo cy'iterambere yababwiye ko umujyi wa Kigali ushobora kubafasha mu kohereza itsinda ry'abanyamuryango ba AVEGA mu gihugu cya Nigeria kwiga kudoda amabubu mu buryo bugezweho, bityo amafranga yatangwaga abantu bayagura hanze bakayashyira mu mufuka.

**« mwashumbushijwe abayobozi beza, n'igihugu cyiza ».**

Ijambo rikuru ryahariwe Minisitiri Protais Mitari, w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco. Nawe yashimiye umuryango AVEGA ku gikorwa cyiza cyo gusoza iminsi ijana yo kwibuka no gushima abahagaritse Jenoside. Yagize ati « Kuba mwarashoboye kwigeza aha ni ubutwari ( …), Imana yabahagazeho kugira ngo mugaragaze ko ikibi kidashobora gutsinda ikiza ».

Yababwiye ko Abanyamuryango ba AVEGA bapfakaye, ariko bashumbushijwe abayobozi beza n'igihugu cyiza. Asobanura ko mu by'ukuri abapfakazi ba Jenoside babayeho kuva muri za 59, ariko ko icyo gihe ko Umuryango nka AVEGA utari gushobora kubaho, asobanura ko kuba hariho ubuyobozi bwiza ari byo bituma babasha no kurira no kwibuka ababo.

Yashimye abashinze umuryango AVEGA « babikoze n'abantu batarabona neza igikwiye gukorwa », asoza ijambo rye yishimira ko muri za gahunda zo kwibuka uyu mwaka abantu barushijeho gukangukira gufasha Abacitse ku icumu rya Jenoside, abakangurira kwitabira umunsi mukuru wo kwibohora wari kuba bukeye ku itariki ya 4 Nyakanga .

**Antoine Rwagahirima**

*Bamwe mu banyamuryango ba AVEGA bitabiriye icyo gikorwa.*

# UKO IMIHANGO YO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI YAGENZE MU MAHANGA

*Mu Bufaransa habaye igikorwa cyo gufungura ku mugaragaro urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi.*

**Uko kwibuka byagenze mu Bufaransa :**

Abanyarwanda baba mu Mujyi wa Toulouse bibutse Jenoside yakorewe Abatutsi

Umuryango w'Abanyarwanda baba mu gihugu cy'u Bufaransa mu Mujyi wa Toulouse, nabo bifatanyije mu kunamira ku nshuro ya 17 inzirakarengane zaguye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994. Uyu muhango wari uhagarariwe n'Umujyanama w'Ambasaderi w' u Rwanda mu gihugu cy'u Bufaransa Olivier Kayumba. Nyuma yo kwibuka Abanyarwanda ndetse n'inshuti z' u Rwanda zari zaje ari nyinshi, yagiranye nabo ikiganiro ku mateka y'u Rwanda. Indi miryango y'abarokotse Jenoside nk'iy'Abayahudi, iy'Abanyarumeniya, imiryango y'Abanya-Ethiopia na Cote d'Ivoire ikorera mu gihugu cy'u Bufaransa yari ihari kandi inatanga ubuhamya mu rwego rwo kwifatanya n'Abanyarwanda.

*Ibikorwa byabanjirijwe n'igitambo cya misa muri Chapelle des Recollets de l'Abbaye de Cluny*

**Uko Kwibuka byagenze muri SENEGAL**

Le samedi, 07 mai 2011, à la Place du Souvenir Africain, l'Association de la Communauté Rwandaise du Sénégal (ACRS), en collaboration avec l'Ambassade du Rwanda à Dakar, a organisé une Cérémonie de clôture de la 17ème commémoration du génocide perpétré contre les Tutsi du Rwanda en 1994. La manifestation avait comme thème: Défendons la vérité, préservons notre dignité.

La salle de deux cents places s'est avérée petite pour contenir la Communauté rwandaise du Sénégal dont une forte majorité de jeunes de moins de trente ans et les amis du Rwanda de plusieurs nationalités réunis autour de S.E. Monsieur Gérard NTWARI, Ambassadeur désigné du Rwanda au Sénégal, et de S.E. Monsieur Hyppolite OUEDRAOGO, Ambassadeur du Burkina Faso au Sénégal. L'on a noté aussi plusieurs hauts fonctionnaires des ambassades et des agences des Nations Unies au Sénégal.

Après l'allumage des 17 bougies de l'Espoir, l'assemblée s'est levée pour observer une minute de silence au bout de laquelle, elle s'est rassise pour suivre trois prières dirigées, tour à tour, par un pasteur de l'Eglise Evangélique, un étudiant musulman du Dahira de l'ESMV et un prêtre catholique, le Curé de la Paroisse des Martyrs de l'Ouganda. Les trois prières se sont recoupées sur trois mots: pardon, réconciliation et paix.

Les prières terminées, l'assistance a suivi le discours de la Présidente de l'Association de la Communauté Rwandaise du Sénégal (ACRS), le Docteur Philonilla Uwamariya THIAM.

Dans son allocution, Madame la Présidente, après avoir souhaité la bienvenue à S.E. Monsieur l'Ambassadeur désigné, Madame la Présidente a précisé l'esprit de la manifestation, un esprit qui, dira-t-elle, est dicté par un double devoir : un devoir de souvenir et un devoir d'exemplarité pour les générations futures du Rwanda et de toutes les nations.

*La manifestation avait comme thème: Défendons la vérité, préservons notre dignité.*

Madame la présidente a rappelé quelques statistiques sur les victimes du génocide perpetrés contre les Tutsi et les moyens par lesquelles ces victimes ont été mises à mort avant de s'insurger contre les négationnistes de tous bords qui tentent partout, en rivalisant de mensonges délibérés, d'amalgames honteux et de mauvaise foi, de faire accréditer leurs thèses méprisables en parlant de «génocide rwandais».

Elle a terminé son allocution par une note d'espoir de voir que le Rwanda est sorti des ténèbres et que les rwandais devraient être fiers du chemin parcouru et confiants en notre destinée commune

L'allocution de la Présidente de l'ACRS a été suivie par la projection d'un film documentaire intitulé «Ma douleur, sa liberté», réalisé par un rescapé du Génocide, Monsieur Aimable KARIRIMA NGARAMBE.

Le documentaire «Ma douleur, sa liberté» est présenté en deux parties. Dans la première l'auteur remonte l'histoire du Rwanda pour rechercher l'origine du mal qui a longtemps gangréné le Rwanda avant de culminer au crime des crimes, le génocide. Du Rwanda colonial au Rwanda indépendant, de la politique nationale à la

*komeza ku rup 5*

# UKO IMIHANGO YO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI YAGENZE MU MAHANGA

**Ibikurikira urup 4**

***Elles ont allumé des bougies de l'Espoir.***

géopolitique, de l'influence des Belges à celle des Français, … tout y passe.

La deuxième partie du documentaire porte sur des témoignages poignants livrés et par des rescapés du génocide et par des bourreaux.

A la fin du film, la Communauté Rwandaise a chanté avec Kizito MIHIGO (enregistrement) la chanson de la paix «Wa numa we».

Suivirent alors une série de trois communications dont la première fut celle du Professeur Mouhamadou MBODJ, Psychologue Enseignant à l'Université Cheikh Anta DIOP de Dakar (UCAD), qui a adressé à ses amis Rwandais et à la Communauté Rwandaise un message d'amitié et de solidarité.

Ladeuxième communication fut celle de Madame le Docteur Adélaïde MUHIGANA, qui témoigna de sa recherche fastidieuse de la vérité, de son exercice au pardon et à la réconciliation pour retrouver la paix pour conclure sur la recommandation de semer l'amour et le respect de l'autre autour de nous en partant de nos propres enfants.

Prenant la parole pour la troisième et dernière communication, Son Excellence Monsieur Hyppolite OUEDRAOGO, Ambassadeur du Burkina Faso au Sénégal, a souligné la bonne entente qui règne entre les deux communautés burkinabé et rwandaise avant d'exprimer sa solidarité et sa compassion à son homologue Rwandais et à la Communauté rwandaise toute entière.

La cérémonie a été clôturée par un cocktail offert par la Communauté Rwandaise à ses invités.

**S/KOREA**

Taliki ya 17 Mata 2011, Abanyarwanda barenga 50, ndetse na zimwe mu nshuti zabo, bitabiriye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 17 jenoside ya korewe abatutsi.

Umuhango watangijwe n'isengesho ryabanjirijwe n'akanya ko kunamira abazize amahano no gukomeza kubaragiza Imana.

Hakurikiyeho indirimbo «Twanze gutoberwa amateka» ya Kizito mihigo (video) ikurikirwa na film yerekana itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya jenoside.

Nyuma ya film hakurikiyeho ubuhamya by'umwe mubacitse ku icumu wari ufite imyaka 11 muri 1994. Yarokowe n'ingabo za FPR i Mugandamure i Nyanza mukwezi kwa gatandatu 1994, ariko ababyeyi be ndetse na benshi cyane bo mu muryango we ntibagize ayo mahirwe.

Nyuma yaho hakurikiyeho ibiganiro bibiri: Icya mbere cyavugaga k'«ukuri ku mateka ya Jenoside ya korewe abatutsi». Hagaragajwe ko Jenoside itabaye impanuka ahubwo ko yateguwe kandi kuva cyera.

Ikigiganiro cya kabiri cyerekanaga isano iri hagati y'insanganya matsiko y'uyu mwaka na gahunda za diasporo. Hagaragajwe ko diaspora ifite uruhare runini mu kuvuguruza abagambiriye kugoreka ukuri ku byabaye bari hanze y'u Rwanda, kandi ko Diaspora yihaye intego zo guha abanyarwanda bose agaciro muri zagahunda nko kubakira abana b'imfubyi (one dollar campain) no gukura abakene mu nzu za nyakatsi zibatesha agaciro bagatura mu nzu zibahesha icyubahiro (bye bye Nyakatsi).

Umuhango washojwe n'ijambo ry'umushyitsi mukuru ariwe Nyakubahwa Ambasaderi muri S/Korea. Yabwiye abaraho ko kwibuka ari ngombwa kugirango ibyabaye bitazasubira kandi yerekanye ko leta y'u Rwanda ifite ubushake n'ubushobozi bwo gutuma ibyo batazasubira. Yavuze ko ubushobozi abanyarwanda bari bafite bwatumye bahagarika jenoside, ubu bwikubye inshuro nyinshi cyane. Kuburyo dukwiye kwizera tudashidikanya ko jenoside itazongera kubaho ukundi mu Rwanda. Yarangije asaba abagize diaspora kwizera ubushobozi bwa Leta bwo kurinda umutekano w'abanyarwanda bose kandi bakaba abahamya b'ubukuri b'igihugu cyababyaye.

**Uko Kwibuka byagenze muri MALAWI**

Abanyarwanda baba Malawi bifatinije n'inshiti zabo bakoze igikorwa cyo kwibuka abatutsi bazize jenoside. Bavuze ko nubwo hatari abantu benshi (hari nka 60) ni gikorwa cyo gushima kuko komite ya Diaspora Malawi ntiramara n'amaze atatu itangiye.

Hari hatumiwe abashyitsi batadukanye ( musenyeri SIMAMA, abakozi muri Leta naba nyamakuru) muri icyo gikorwa cyo kw'ibuka basobanuye impavu yo kwibuka ikindi cyakozwe, bakanguriye abanyarwanda kujya mu Rwandabagafatanyan'abandi kubaka U Rwanda.

***"Babyibuka nkaho byabaye ejo"***

Abanyarwanda barenga 200 nibo bitabiriye igikorwa cyokwibuka ku nshuro ya 17 jenoside yakorewe abatutsi muri 1994. Bahuriye ''Parliament Hill''. Icyo gikorwa cyari cyateguwe na Association Canadienne des survivants du génocide rwandais.

Haririmbwe indirimbo z'ubahiriza ibihugu byombi Canada n'U Rwanda, imivugo n'indirimbo nyarwanda zijyanye n'uwo munsi.

Umuvugizi w'iyi association Bwana Robert Manzi yashimye ubutabera bwa Canada ko bwabaye ubwambere mugucira urubanza umu jenosideri Désiré MUNYANEZA.

VANCOUVER

Umuhango wo kwibuka watangijwe na misa, nyuma hakurikiraho imivugo n'ubuhamya.

Hanagaragajwe film ijyanye n'uwo munsi.

Abanyarwanda baba Vancouver bashimishijwe nuko ibikorwa byabaye kuri uwo munsi byateguwe nurubyiruko.

**HAMILTON**

Nyakubahwa Madamu Shakila UMUTONI wo muri ambasade y'u Rwamda muri Canada niwe wari umushitsi mukuru. Yagejejeho abari bakoraniye muri uwo muhango ijambo.

Nyuma y;ijambo rye, hakurikiyeho amajambo

**Komeza urup 6**

# UKO IMIHANGO YO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI YAGENZE MU MAHANGA

Ibikurikira urup 5

yabandi batumirwa baraho aribo Bob Bratin, Mayor of Hamilton, Chief Glen De caire Hamilton Police Service, David Christopherson MP.

**BURUNDI**

Umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 17 jenoside yakorwe abatutsi muri 1994 wa bimburiwe n'urugendo rwo kwibuka rwa teguwe na Ambasade y'u Rwanda mu Burundi ifatanyije n'abahagarariye urubyiruko bo muri za asosiayasiyo zinyuranye: Peace and Love Proclaimers, As we forgive Rwanda Initiative and AEGIS Students.

Nyuma yurwo rugendo hakurikiyeho ijambo rya nyakubahwa Ambasaderi w'u Rwanda mu Burundi.

Nyuma y'ijambo, abantu baraho bumvise ijambo rya nyakubahwa perezida wa repubulika y'u Rwanda Paul KAGAME yavuze kw'italiki ya 07/04/2011 atangiza umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 17 jenoside yakorewe abatutsi muri 1994.

Umuhango wari witabiriwe n'abanyacyubahiro benshi bo muri guverinoma y'u Burundi: Minister of Higher Education Julien NIMUBONA, Minister of Water, Environment, country planning Engineer Jean Marie NIBIRANTIJE and Minister of Sports, Youth and Culture Jean Jacques NYENIMIGABO.

## Uko kwibuka byagenze muri USA

Mu ijoro ryo ku wa gatanu tariki 1/4/2011 niho uwari uyoboye ingabo z'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda mu gihe cya jenoside, Lt. Gen. Roméo Dallaire, yatanze ikiganiro kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994; ikiganiro cyatangiwe muri chappelle ya Swasey muri Leta Zunze ubumwe za Amerika. Akaba yarabikoze ku butumire bw'abayobozi ba kaminuza ya Denison University muri gahunda bise "tuvuge ku bibazo byugarije isi."

Lt. Gen. Roméo Dallaire yavuze ko nyuma yo kwerekwa n'amateka ya hafi ko hari abantu bafite agaciro kurusha abandi muri iyi si, akurikije imyitwarire y'ibihugu by'u Burayi mu gihe imbaga y'abantu yatikiraga muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 akaba yaribajije ati: "Ese abantu bose bafite ubumuntu? Ese hari abarusha abandi kuba abantu kuri iyi si?"

Dallaire yasobanuye ko ibihugu by'u Burayi bitahaye agaciro na gake ikiremwamuntu mu Rwanda mu 1994. Ati " mu gihe abanyarwanda bari bakeneye ubufasha bw'ingabo z'Umuryango w'Abibumbye, niho nategetswe guhambira utwanjye n'abo nyoboye tukava mu Rwanda. Nyamara kandi uyu muryango wabonaga neza ko hari abanyarwanda benda kwicwa kandi mu buryo bwateguwe."

Impamvu Loni yahaye Dallaire ni uko itashoboraga kwihanganira ko hagira n'umwe mu basirikare bayo bagwa mu Rwanda mu bagera kuri 500 Dallaire yari ayoboye. Aha umuntu yakwibaza niba nibura hari abari bamaze gupfa muri abo basirikare bikaba intandaro y'ubwoba bw'uyu muryango ufite mu nshingano kubungabunga amahoro y'ibihugu biwugize. N'ubwo Dallaire yabanje kwanga kuva mu Rwanda kubera abantu batari bake ingabo ze zari ziri kumwe nabo muri ETO Kicukiro, kandi yarabonaga ko kubasiga ari ukubashyira mu maboko y'abicanyi bari barekereje, Lt. Gén. Dallaire yasobanuye ko abari bamutumye (Umuryango w'Abibumbye) babigize itegeko ko agomba gucyura izo ngabo yari ayoboye. Mu kiganiro yatangiye imbere y'imbaga y'abanyeshuri n'abaturage bo muri Amerika bari baje kumutega amatwi, yagiye avuga amagambo agaragaza ko ntacyo ibihugu byari bibifitiye ububasha byakoze ngo iyicwa ry'Abatutsi muri Jenoside yabakorewe mu 1994 rihagarare. N'ijwi ryuje amarangamutima, Dallaire yagize ati "Kuki twabikoze? Nabo ni ibiremwamuntu, nta bundi bukungu buhari bwatezaga ibibazo, abantu nibo bari bibasiwe. Ubu baribaza icyo izo mbaraga dufite zimaze!" Nyuma yo kuva mu Rwanda, Lt. Gen. Roméo Dallaire yeguye mu gisirikare ubu akaba ari umusenateri muri Canada. Akaba kandi yaranditse igitado yise 'Shake Hands with the Devil', kivuga kuri Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda.

## Rwandan students repatriated from Libya honour Genocide victims.

KIGALI - Monday, June 13, 2011: Libya-based students commemorate Genocide

Rwandan students who were pursuing their studies in Libya and were repatriated following the political uprising, yesterday held a function to commemorate the 1994 Genocide against the Tutsi.

According to one of the students, Yunus Mushumba, the students, who in the past years commemorated the Genocide at their university in Tripoli, held the function by visiting the Kigali Memorial Site and the Genocide Exhibition.

"We took the initiative because it was an opportunity for us to commemorate at home. This is the first time we are holding a commemoration in Rwanda, since we left for studies in Libya," said Mushumba, a post graduate student.

He added that: "We normally commemorate at our school where we invite students from over 75 countries undertaking their studies at Islamic Call University."

***Rwandan students repatriated from Libya honour Genocide victims***

Mushumba challenged Rwandan youth to own their history, however, bad it may be, so that they can shape a better future for their nation.

"This is our country and our history. We should all strive to know what happened 17 years ago and ensure that nothing like that ever happens again in Rwanda, or elsewhere in the world," he said. Mushumba, who led the delegation of 18 students, said that they are currently in contact with fellow students back in Libya as they wait for the situation to calm down and resume studies.

**Uko umuhango wo kwibuka wagenze muri TURUKIYA**

Ku nshuro ya mbere Turukiya yifatanyije n'Abanyarwanda kwibuka

Ubwo i Paris na Bruxelles abaho bifatanyaga n'abanyarwanda kwibuka jenosiode yakorewe Abatutsi mu 1994, abahagarariye Turukiya muri ibyo bihugu bagaragaye muri iyo mihango.

Igihugu cya Turukiya giherereye ku mugabane w'uburayi kizwiho kuba cyarakoreye jenoside abaturage ba Rumaniya bagera kuri 1, 200, 000 babaga ku butaka bwacyo guhera mu kwezi kwa kane 1915. Kuri ubu ariko icyo gihuhu ntikiremera neza ko icyakozwe icyo gihe ari jenoside ndetse kikaba ubusanzwe kirinda ko iryo jambo rikoreshwa. Ni muri urwo rwego nta muyobozi n'umwe wo muri Turukiya wari wagaragaza ko yifatanije n'u Rwanda mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi. Igitangaje ariko, ku nshuro ya mbere umujyanama wa Turkiya muri UNESCO yagaragaye i Paris ahaberaga igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 17 jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda. I Buruseli naho, ambasaderi wa Turkiya mu Bubiligi yagaragaye yifatanya n'abandi kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda. Ni ubwa mbere umuyobozi uwo ariwe wese w'iki gihugu agaragara muri iki gikorwa nyuma y'ipfunwe no kutemera Jenoside abayobozi b'iki gihugu bakoreye Abanyarumaniya mu 1915. Byari biteganyijwe ko ku italiki 14 z'ukwezi kwa kane Sena yo mu Bufaransa yagombaga gutora itegeko rihana jenoside n'ibindi byaha byibasira inyoko muntu. Iryo tegeko ngo rikaba rizafasha kwihutisha ifatwa n'iburanishwa ry'abacyekwaho gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka w'1994. Mu mihango yo kwibuka i Paris, umujyanama wa Turkiya muri UNESCO yihanganiye kumva ubuhamya bwose bwatanzwe ndetse yumva na byinshi byavuzwe kuri

***komeza ku rup. 7***

# UKOIMIHANGOYOKWIBUKAJENOSIDEYAKOREWE ABATUTSI YAGENZE MU MAHANGA

*Bamwe mu banyarwanda biga muri Maroc bari muri Kiliziya St Pie X (Rabat)*

*Ibikurikira urup 6*

jenoside y'Abanyarumaniya. I Buruseli ariko si uko byagenze kuko igihe hari hatangiye kuvugwa ibya Jenoside yabereye muri Turkiya ambasaderi wa Turkiya mu Bubiligi we yahise asohoka ahaberaga uwo muhango afata inzira itaha.

## Kwibuka muri Maroc

Rabat muri Maroc, ku wa gatanu tariki 16 Mata 2010, i Rabat mu murwa mukuru w'igihugu cya Maroc, abanyarwanda biga muri icyo gihugu bifatanyije n'abanyamahanga batandukanye mu kwibuka inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994. Uwo munsi wabaye ku bufatanye bw'ubunyamabanga bukuru bwa ONU muri Maroc (Secretariat général de l'ONU au Maroc), ishami ry'amategeko, iry'ubukungu n'imbonezamubano rya Kaminuza ya Rabat, ndetse n'imiryango itandukanye iharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu ikorera muri Maroc(AMDH, OMDH,…), wari witabiriwe n'abenegihugu ndetse n'abanyamahanga batari bake baba aho muri Maroc. Umuhango watangijwe n'igitambo cya missa cyabereyekurikiliziyagatolika Saint Pie X (Rabat-Maroc)

Mu Kiliziya St Pie X (Rabat)

Nyuma ya misa, umuhango wo kwibuka warakomeje. Habanje kumurikwa amashusho (posters) asobanura amateka yaranze u Rwanda, abanyamahanga basobanurirwa mu mashusho Jenoside n'uko yateguwe. Hakurikiyeho ijambo rya Président wa UNERMA (Union des Etudiants et Stagiaires Rwandais au Maroc). Ijambo rye ry'ibanze cyane cyane kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, uko yateguwe n'uburyo yashyizwe mu bikorwa. Agaragaza akababaro abanyarwanda banyuzemo, ibihe bibi bagize, ariko yerekana n'intambwe imaze kugerwaho kugeza ubu. Yashimiye abagize ubutwari mu kwamagana ayo mahano (urugero rwabaye Uwiringiyimana Agathe, général Roméo Dallaire), by'umwihariko yibukije imbaraga zikomeye FPR yerekanye ihagarika Jenoside inashyiraho guverinoma iharanira amahoro,ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Yarangije agira ati :"kwibuka bireba Abanyarwanda bose baba abari hanze y'u Rwanda kimwe no mu gihugu ndetse n'uruhare rwa buri wese mu guharanira ko amahano yagwiriye igihugu cyacu atazongera gusubira(plus jamais, never again)". Hakurikiyeho Vice-président yibutsa amateka y'u Rwanda abari aho, nyuma haje kwerekanwa inkuru y'amashusho(film documentaire)yitwa«Rwanda : le Dernier des Justes ». Nyuma y'akaruhuko uhagarariye ONU muri Maroc Madamu Hind ABOUFALAH yagejeje ku bari aho ubutumwa bwa Secrétaire Général wa ONU.

Habaye ho kandi no kungurana ibitekerezo ku ngingo ivuga iti: « Justice pénale internationale : Quels enseignements tirer du génocide rwandais ? », ugenekereje mu kinyarwanda « Ubutabera mpuzamahanga : ni irihe somo twakura ku itsembabwoko ryakorewe Abatutsi». Icyo kiganiro cyayobowe n'abarimu 4 (Professeurs universitaires), batatu muri bo bigisha muri kaminuza zo muri Maroc. Batanze ibiganiro bikurikira :

Pr Miloud LOUKILI : « crimes contre l'humanité et droit internationale » (ibyaha byibasiye inyoko muntu, n'amategeko mpuzamahanga), Pr Mohamed LAMOURI : « le génocide du Rwanda à l'épreuve du droit International »(Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda uyirebeye mu mategeko mpuzamahanga), Pr Zakaria ABOUDDAHAB : « la loi de compétence universelle : quelle applicabilité pour le cas du génocide du Rwanda »(Uguha Inkiko z'ibihugu ububasha busesuye(mpuzamahanga) : Ubwo bubasha bwakoreshwa gute ku bireba Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda), Ndetse na Pr Khalid CHEGRAOUI wari uhagarariye umuryango uharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu OMDH (Organisation marocaine des Droits Humains), wavuze ku ngingo «le Rwanda : production d'un Génocide » (Rwanda : n' imikorere ya Jenoside yakorewe Abatutsi). Mu butumwa bagejeje ku bari aho, bibanze cyane cyane kwibutsa ko «Jenoside yabaye mu Rwanda itareba Abanyarwanda gusa, ahubwo n'isi yose ikwiriye kuhakura isomo mu gukumira amahano nk'aya kugira ngo atazagira n'ahandi yongera kuba ku isi ».

*Mu Misiri Abanyarwanda n'abanyamahanga bitabiriye umuhango wo kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda*

**MISIRI**

**Abanyarwanda baba mu Misiri mu kwibuka Jenoside yo mu 1994**

Abanyeshuri b'Abanyarwanda biga mu Misiri hamwe n' inshuti z'u Rwanda bibutse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda. Uwo muhango wo kwibuka wabereye mu ntara ya Alexandria, kuri Schutz American School, mu cyumba cy'ibiganiro tariki ya 9 Mata 2011. Uwo muhango watangijwe n'amasengesho yo gusabira u Rwanda gukomeza kugira amahoro ,ndetse no gusabira abacitse kw'icumu gukomeza kugira ubutwari . Mu butumwa bwahatangiwe, Sylver MUNYANEZA, umunyarwanda wiga muri Arab Academy for Marine Science and Technology, yatangiye ashimira abitabiriye uwo muhango kandi abasaba gukomeza gusengera u Rwanda ndetse n' abacitse kw'icumu rya Jenoside by'umwihariko kugirango Imana ibakomeze. Yakomeje avuga ko Jenoside yasigiye abanyarwanda ibibazo byinshi harimo n' ibibazo by'ihungabana (trauma). Yagize ati:"buri wese ashobora kwibaza ibibazo byinshi hano; kuki Jenoside yabaye? Ni iki cyateye mu mitima y'abicanyi kugeza aho bica miliyoni y'abanyarwanda? Ni kuki amahanga yananiwe kugira icyo yakora?". Abanyarwanda n'abanyamahanga bitabiriye umuhango wo kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda Ku kibazo cy`abantu bagipfobya Jenoside, yasabye abari aho bose kwifatanya n`u Rwanda mu kubamagana. Yatangarije abari aho ko u Rwanda rwakoze byinshi nyuma ya Jenoside birimo kunga Abanyarwanda ndetse no gufasha abacitse ku icumu batishoboye babasha kwiga ndetse no kububakira amacumbi. Yashoje avuga ko Leta y' u Rwanda yahagurukiye

*komeza ku rup. 8*

# UKO IMIHANGO YO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI YAGENZE MU MAHANGA

Ibikurikira urup. 7

ikibazo cy' ihungabana ku buryo hari ababihuguriwe bafasha mu kugira inama abahungabanye bityo bikagabanya ihahamuka. Mu buhamya bwatanzwe, umunyakenya Captain Ali umwe mu ngabo za ONU wari mu Rwanda mu gihe cya Jenoside, yatanze ubuhamya bw'ibyo yabonye, ati" byagatumye abantu bakundana nk'uko Imana ibakunda bose itarobanuye."Avuga ko" mu buryo butoroshye yabashije kurokora abategarugori bagera kuri batanu". Ubundi buhamya bwatanzwe n`umunyeshuri wiga muri Alexandria University warokotse Jenoside, Eugene Iyamuremye. Ubuhamya bwatanzwe bwafashije benshi kumenya ubugome bw'indengakamere bwaranze ubwo bwicanyi, maze mu gahinda n'akababaro bashimira Imana yatabaye Abanyarwanda maze tukaba tumaze gutera imbere mu bumwe n'ubwiyunge ndetse n'amajyambere arambye kandi bose bagira bati "GENOCIDE NEVER AGAIN". Uretse abanyeshuri biga mu Misiri, uwo muhango witabiriwe n'abanyamahanga baturuka hirya no hino ku isi mu bihugu birenga 16.

Ibikorwa by'uwo munsi byasojwe n'amasengesho.

**Uko umuhanga wo kwibuka wagenze muri UGANDA**

**Uganda, hakozwe urugendo rwo kwibuka.**

Kuri uyu wa gatandatu Abanyarwanda babarirwa mu magana batuye cyangwa baherereye mu gihugu cya Uganda bakoze urugendo rwo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, rukaba rwarabereye mu Karere ka Mukono. Mu barwitabiriye harimo uhagarariye u Rwanda muri Uganda, Frank Mugambage, ndetse na Mayor w'Umujyi wa Kampala, Alhajji Nasser Ntege Sebagala. Muri uru rugendo rwiswe "Walk to remember" rwateguwe n'umuryango "AEGIS Student" ufatanije na "Peace and Love Proclaimers" wo mu Rwanda, abarwitabiriye biganjemo abanyeshuri bo muri za Kaminuza zitandukanye zo muri icyo gihugu, baribambaye imyenda ahanini y'umukara na "mauve", batwaye ibyapa biriho ubutumwa bwamagana Jenoside. Urugendo rwatangiriye mu mujyi wa Mukono rusorezwa kuri kaminuza ya gikirisitu (UCU) ahabereye imihango yo kwibuka inzirakarengane zishwe muri Jenoside. Benshi mu bagiye bafata amagambo muri icyo gikorwa bibandaga ku gaciro k'urukundo n'ubumwe, ndetse banahamagarira urubyiruko kurushaho kurangwa n'umuco wo kwibuka Jenoside. Bibanze ku kamaro k'umuco muri sosiyete, basobanura uburyo kwica umuco bishobora kugira ingaruka mbi kuri sosiyete. "Iyo umuntu uwariwe wese ashaka kurimbura, yifashisha umuco", aya ni amagambo ya Mugambage ubwo yagezaga ijambo ku banyeshuri amagana bari bateraniye muri salle yitwa Nkoyoyo yo muri kaminuza ya Gikirisitu. Ijambo rya Mugambage ryakurikiwe no kwerekana filime 'We are all Rwandans' igaragaza ubwicanyi bwabereye i Nyange bugahitana abanyeshuri bo mu kigo cy'amashuri y'isumbuye kihaherereye ubwo bari banze kwitandukanyamo Abahutu n'Abatutsi. Umuyobozi w'abanyeshuri muri iyo kaminuza, Pasiteri Tweheyo Milton, mu bubwiriza bwe yibanze ku rukundo n'icyizere anashishikariza abari aho kurwanya Jenoside. Mu izina ry'abanyeshuri bagenzibe, Angel Uwamahoro, yasabye ko buri wese yamenya neza igisobanuro nyacyo cy'ijambo Jenoside, avuga ko nyuma y'ibi aribwo isi izabasha kuyirwanya. Mayor Sebagala yashimiye leta y'u Rwanda ku ntambwe igihugu kimaze gutera nyuma y'imyaka 17 ishize Jenoside ibaye. Uyu muhango wasojwe hacanwa za buji, urumuri rwazo rukaba ari ikimenyetso cyo kwibuka abazize Jenoside.

***Miss East Africa Akazuba Cynthia ibumoso, inyuma ye ni Frank Mugambage ndetse n'abayobozi batandukanye bo muri Uganda n'abanyeshuri***

**I Roma habereye umuhango wo kwibuka hareberwa hamwe uruhare rw'itangazamakuru muri Jenoside.**

***Kimwe no mu Rwanda, abibutse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Butaliyani bari bambaye izi ruban***

Ku nshuro ya 17 hibukwa Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, mu gihugu cy'u Butaliyani habereye umuhango wo kwibuka,ukaba warabereye muri Kaminuza yitwa la Sapienza Roma. Uwo muhango wateguwe n'abanyeshuri b'Abanyarwanda bibumbiye mu muryango GAERG ufite icyicaro gikuru mu Rwanda. Imwe mu nshingano zawo hakaba harimo kwibuka no kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo bafatanije n'ishyirahamwe ridaharanira inyungu ryitwa 'Progetto Rwanda' rifasha cyane cyane impfubyi n'abapfakazi ba Jenoside. Kimwe no mu Rwanda, abibutse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Butaliyani bari bambaye udutambaro twa " mauve". Uwo muhango wo kwibuka watangijwe n'uhagarariye ishami (faculté) ry'itumanaho mu rwego rwo kwibutsa abantu uruhare radiyo cyangwa itumanaho ryagize mu Rwanda mu gutegura Jenoside kandi hakabaho gushishikariza abakiri bato kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside aho iva ikagera. Umwanya nyir'izina wahariwe kwibuka by'umwihariko wagaragayemo ubuhamya, haririmbwa indirimbo ijyanye n'uwo munsi ndetse havugwa n'umuvugo, byose byateguwe n'abanyeshuri bacitse ku icumu.

Muri uwo muhango, uhagarariye inyungu z'u Rwanda mu Butaliyani (Consul) yavuze ijambo nawe ashishikariza abantu kutibagirwa ibyabaye kandi bakagerageza kwiyubaka birinda icyatuma ayo mahano yongera kubaho ukundi.

**Byegeranyijwe n'ubwanditsi**

# Kwibuka abazize Jenoside mu Murenge wa Rwezamenyo, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali

*Madamu Mukasonga Solange, Mayor w'Akarere ka Nyarugenge yunamiye inzirakarengane*

Umuhango wo kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Rwezamenyo wabimburiwe n'urugendo rwo kubibuka, rwakozwe kuwa mbere tariki ya 06 Kamena 2011 kuva kuri ONATRACOM rwerekera ku Kigo cy'Abafurere b'Abayozefiti (Frères Joséphites) cy'i Nyamirambo, ahavugiwe amagambo y'abahagarariye ubuyobozi butandukanye ajyanye n'uwo munsi, amasengesho y'abahagarariye amadini anyuranye, gushyira indabo ku mva, ubuhamya, gucana igishyito. Byose byaherekejwe n'umuhanzi Dieudonné Munyanshoza bakunze kwita Mibirizi, mu ndirimbo ze zifata mu mugongo; umuvugo n'izindi ndirimbo zirimo iza Kizito Mihigo.

Abafashe ijambo, bavuze kuri Jenoside n'ikiyitera, ku ngamba zo kuyirwanya n'ingengabitekerezo yayo, kurwanya abayihakana n'abayipfobya, ku ngamba Leta y'Ubumwe yashyizeho zo guhangana n'ingaruka zayo.

Bose bahurije kandi ku ngingo imwe yo gushaka umuti ku kibazo kimaze igihe, cyagaragajwe n'abaharokokeye, cy'imibiri y'abantu benshi itaraboneka icyekwa kuba itabye muri icyo kigo, dore ko hashyinguye gusa 200 (Magana abiri) bahabonetse, muribo hakaba hamaze kumenyekana amazina y'abantu 72 (mirongo irindwi na babiri) yasomwe kuri uwo munsi; ku bantu barenga igihumbi bari bahahungiye kandi bahiciwe, bagahita vuba na bwangu bahashyingurwa, ho no mu nkengero zaho, ngo satellite zitabafotora nk'uko bivugwa mu ikusanyamakuru ry'Inkiko Gacaca ryakozwe muri ako gace, ariko rikaba riterekana neza aho imibiri iri. Icyo kibazo kijyanye kandi no kuba nta kimenyetso kiranga ko muri icyo kigo hashyinguwe abazize Jenoside yakorewe Abatutsi.

Uwo mugoroba wo kwibuka, warangiye hashyizweho itsinda ryo gushaka umuti w'icyo kibazo rigizwe n'abantu ku giti cyabo bari bahari:

- Hon. Depite Saidath Mukanoheli
- Madamu Mayor wa Nyarugenge

*Abaturage bo mu Murenge wa Rwezamenyo bitabiriye umuhango wo kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi.*

- Njyanama y'Umurenge wa Rwezamenyo
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa mushya w'Umurenge wa Rwezamenyo

Bazafatanya n'inzego zari zihagarariwe zikurikira:

- Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Abafurere b'Abayozefiti
- Polisi y'Igihugu
- na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG)

**Aloys Uwimana/CNLG**

# BMC donated 3 cows and food stuff to a genocide survivor's vulnerable group of Nzove

*The guide of the memorial Site narrates the history of materials and immaterials proofs of the genocide in Kigali memorial site.*

On 20th may 2011, the company of "Brasserie des mille colline (BMC/SKOL)" upholds the idea of wishing to help the genocide survivor's vulnerable group in Nzove cell in Kanyinya sector-Nyarugenge District, where they emitted three **(3) cows** and **foodstuff** which is equivalent to **3.500.000 frw.** The list of survivor's vulnerable group that deserved the materials and cows was selected by the leaders of genocide survivors in Kanyinya and handover to the BMC leaders.

Before doing this potential event they take precedence of visiting the Kigali genocide memorial site at gisozi where the guides of the memorial site narrates the history of material and immaterials of the genocide proofs in Kigali memorial site, after that session the visitors guided by one staff for CNLG, Mr GATABAZI Claver take the occasion of laying wreath on the genocide graves at the mentioned site and taking one minute of respecting and commemorating the genocide victims that perished during the genocide perpetrated against Tutsi in 1994. Tomas head of BMC/SKOL in his words said: « *Our thoughts go to a million of Tutsi killed during the 1994 genocide. As this year guiding theme tells:"upholding the truth: preserve our dignity", that should be everyone's objective to let others to step out from the darkness. Our visit is in line with BMC's commitments for the social wellbeing of Rwanda people.*

*It is a pleasure to start the commitment with our neighbours; we choose firstly something which will generate income: cows.*

*Additional to that we are providing foods for the families.*

*As those cows will multiply the survivor's association will plan how to give the calves to the next so that the cycle continues again and again".* The representative of CNLG expressed thanks and gratitude as well as recognition of what the BMC feelings of charitable contributions to the genocide survivors who are still live in miserable conditions. He also encouraged other private organizations to do the same potential role. He back to the survivors who attained the gifts to use it genuinely and chronological sharing of the given offerings.

*The cows offered by BMC/ SKOL to genocide survivors in Nzove cell, Kanyinya Sector*

**Gatabazi Clever/CNLG**

# Kwibuka no gufasha kwifasha abarokotse Jenoside bitangiye kuba umuco

***Mbere y'umwaka wa 2008, kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi byakorwaga abantu basura ahanini urwibutso rwa Kigali ruri ku Gisozi, akenshi bakabasigira n'inkunga y'amafranga. Muri uyu mwaka kwibuka byateye indi ntambwe; ibigo bya Leta n'ibyo abikorera byibuka Jenoside yakorewe Abatutsi byibuka abari abakozi babyo bazize Jenoside, biyemeza gufasha imfubyi basize, basura kandi batera inkunga inzibutso zindi hirya no hino, ibyo bakabyongeraho no gutera inkunga imfubyi, abapfakazi n'incike zasizwe na Jenoside, bagamije kugira ngo mu gihe kiri imbere bazabe bifashije, batakibarirwa mu batishoboye.. Iyi nyandiko igaragaza bimwe mu bigo byafashe iya mbere muri ibyo bikorwa, guhera ku itariki ya 7 Mata 2011, kandi bakwiye kubera urugero rwiza abandi .***

***Mu muhango wo Kwibuka abari abakozi ba CSR Bwana Mucyo Jean de Dieu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG uri hagati yari umushyitsi Mukuru.***

Ku itariki ya 6/5/2011 ikigo cy'ubwiteganyirize bw'abakozi(Caisse sociale du Rwanda) kibutse abari abakozi bacyo bishwe mu gihe cya Jenoside. Mbere yaho bari basuye abapfakazi n'imfubyi zo mu Murenge wa Mbazi mu Karere ka Huye, babaha, ku itariki ya 3/5/2011 inka za kijyambere 20. Nkuko bizwi Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi yahujwe n'Ikigo cy'Ubwisungane mu kwivuza RAMA. Icyo cyemezo kiraye kiri bushyirwe mu bikorwa, n'ubwo RAMA itari iriho mbere ya 94, icyo kigo ku itariki ya 3 Kamena cyibutse Jenoside yakorewe Abatutsi, gikora n'igikorwa kiza cyo gufasha cyo gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Kibirira, bagenera impfubyi n'abapfakazi basizwe na Jenoside batishoboye inka 50. Abahawe izo nka bakaba baratoranyijwe na bagenzi babo bashingiye ku bakennye kurusha abandi.

Ku itariki ya 13 Mata 2011 Banki y'uRwanda itsura amajyambere(BRD), yibutse abari abakozi bayo n'abari abakiliya babo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994. Muri icyo gihe bibukaga icyemezo cyari cyaramaze gufatwa ko BRD ihuzwa na Banki y'uRwanda y'imiturire(BRH). Niyo mpamvu muri abo bakozi bibutswe harimo n'abari abakozi ba Banki y'imiturire mbere ya 94 (icyo gihe ntiyitwaga Banki y'imiturire ahubwo yitwaga "Caisse hypothécaire".

Kwibuka abo bari abakozi ba BRD byabereye mu ijoro ryo kwibuka, ryanitabiriwe n'intumwa ya CNLG na Ibuka, umuyobozi Mukuru wa BRD, Bwana Jacques N. KAYONGA akaba yarasomye amazina y'abari abakozi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Abari abakozi ba BRD bishwe ni 53. Nk'uko byavugiwe muri uwo muhango n'umuyobozi wa BRD ndetse bigashimangirwa na bamwe mu bafashwa nayo batanze ubuhamya, imfubyi zasizwe n'abari abakozi ba BRD ziterwa inkunga zirihirwa amashuri. Imfubyi za Jenoside za Mageragere na Kimironko nazo ziterwa inkunga na BRD, akarusho buri mukozi wa BRD akaba afitemo inshuti(cacahouète) yitaho. BRD yateye kandi inkunga umushinga wa "one dollar compain" ugamije kubonera amacumbi imfubyi za Jenoside zitishoboye, kandi itanga n'inkunga yafashije mu gutunganya urwibutso rwa Jenoside rwa Musha n'urwa rwa Kigali ku Gisozi.

Ku itariki ya 23/4/2011 Banki ya Kigali yibutse abari abakozi bayo bazize Jenoside, nyuma basura imidugudu y'imfubyi n'abapfakazi bo mu Mirenge ya Bumbogo-Nguzuzu, babemerera inka 11 z'infirizone. Icyo gihe, bemeye no kubakira imfubyi yitwa Ngabonziza Théoneste byagaragaraga ko afite ikibazo gikomeye cy'aho kuba. Inka zaje kugurwa, zitangwa ku itariki ya 18 Kamena, ubwo intumwa z'abakozi ba Banki ya Kigali basubiraga aho i Bumbogo bagatanga n'umuganda wo gutunganya urugo ry'iyo nzu bubakiye umwe mu mfubyi yari imaze kuzura (hasigaye gushyiramo umuriro w'amashanyarazi no kubaka urugo).

Amasosiye agize "SORAS group" nayo, ku itariki ya 06 Gicurasi 2011 yafashe umwanya wo kwibuka abari abakozi babo bishwe muri 94 bazira ubwoko bwabo bw'Abatutsi. Imihango yatangiye mu gitondo, mu ma saa sita abakozi n'ubuyobozi bajya gusura abapfakazi n'imfubyi za Jenoside bo mu kagari ka Jenda, mu Murenge wa Mugina, Akarere ka Kamonyi bagabira inka 8 imfubyi n'abapfakazi barokotse bo mu Mudugudu wa Mataba. Umuhango wo kwibuka muri Soras wari witabiriwe na Ministre Protais Mitari wari umushyitsi mukuru. Hari n'intumwa za Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Génocide na Ibuka bashyigikiye igikorwa cyo kwibuka haterwa inkunga irambye abacitse ku icumu.

***Mu muhango wo kwibuka muri Soras, Bwana Rusanganwa F. Xavier Komiseri muri CNLG acana urumuri rw'Icyizere.***

Mu bindi bigo byibutse muri aya mezi abiri ashize, hari Hôtel Umubano( izwi cyane ku izina rya Meridien), na « Hôtel des Milles Collines ». Uretse kwibuka abasizwe n'abari abakozi babo, Hôtel Umubano yasuye kandi igabira inka imfubyi n'abapfakazi barokotse batishoboye bo mu Murenge wa Kinyinya mu Karere ka Gasabo, naho Hôtel isura kandi igenera inka 3 imfubyi b'abapfakazi ba Jenoside bo mu Karere ka Kicukiro.

***Bwana Mporanyi Charles, Umuyobozi Mukuru ( PDG) wa SORAS yunamiye abari abakozi ba SORAS bazize Jenoside yakorewe Abatutsi.***

Ubwo twandikaga iyi nkuru, inka zari zimaze kugabirwa imfubyi n'abapfakazi bacitse ku icumu batishoboye zageraga ku 118, hatabariwemo izagiye zitangwa n'Uturere biturutse ku nkunga y'amafranga yatanzwe n'abaturage ubwo bibukiraga mu Midugudu Jenoside yakorewe Abatutsi. Inkunga tuzagarukaho mu nimero itaha.

Nk'uko Jenoside yakorewe Abatutsi yakozwe n'Abanyarwanda ikorerwa abandi Banyarwanda, biragara ko Abanyarwanda bumvise wa mugani wa Kinyarwanda uvuga ko ak'imuhana kaza imvura ihise. Kuko barimo kwegeranya inkunga ifasha abarokotse Jenoside kwifasha, mu gihe inkunga yaturuka mu bihugu by'amahanga byagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa bikabura ubushake bwo kuyihagarika yaheze mu kirere.

**Antoine Rwagahirima**

# Memorial Day and an all-night vigil at BRD

*Ligthing candles of hope during the vigil.*

On Wednesday 13 April 2011, the Rwanda Development Bank remembered its staff and clients who died in the 1994 Genocide against Tutsi. As BRD was in process of acquiring BRH, former Caisse Hypothècaire, this was also an opportunity to honor the BHR staff, who perished in 1994 Tutsi Genocide.

That evening of commemoration and an all-night vigil, the Bank was honored by the presence of the family members of the victims, their friends, BRD neighbours and representatives of sister Banks as well as delegates from IBUKA and CNLG.

The ritual was started by prayers and lighting candles of hope. This was followed by the BRD's Managing Director welcome remark in which he listed the victims' names and requested everyone to raise and honor them by taking one minute of silence to remember them.

Some of the survivors gave out their testimonies and thank the Bank's comfort and support in the journey of gaining hope as well as preserving their dignity. The testimonies were given by: Mr. Alain H. Munderere, son of Munderere Christophe, a former BRD staff, victim of the 1994 Genocide against Tutsi. The Bank assisted him in his studies and he is now a university graduate from Kigali Independent University (ULK). The Bank is also supporting his sister, Inès Munderere, who is now doing her first year at the same university.

Miss Angélique, representative of Genocide survivor orphans, living alone in Mageragere village, was also grateful to BRD action. In her testimony she said that the Bank gave to Mageragere orphans hope from the time it decided to accept them as its children and give them love that they could not get from their beloved deceased parents and elders. Every child from this village has a cacahouète from BRD staff who regularly gives him/her moral and financial support.

Mrs. Eugénie Mukawera, a BRD staff and a Genocide survivor, explained how her colleagues and friends were noble and royal people and how the country and especially, BRD lost their potential contribution.

All these witnesses testified about their ordeal and how the former RPF INKOTANYI rescued them from death in the 1994 Genocide against Tutsi.

After testimonies, in his speech, the Board Chairman comforted the survivors. He said that what happened to our country was unforgettable. He further added that if you see how at BRD the Genocide was done from a gardener, watchman to the Managing Director, this shows that the Genocide was accurately planned and the killers knew all Tutsi and where to find them. That is why « at BRD we will never tolerate any Genocide ideology and will always join the Government's programs to eradicate it".

He also mentioned that it is within this framework; BRD supports Genocide survivors and help them to gain hope as well as to perceive dignity. The BRD Board Chairman took the opportunity to list tangible activities done by the Bank in the line of sustaining the survivors' development:

- The Bank provided support to One Dollar Campaign and gave out more than Frw 9 million.
- The Bank provided support to Gisozi and Musha memorial sites by providing funds to construct and maintain these sites.
- The Bank provides support to Mageragere and Kimironko children villages. The Bank is now analyzing a project for Mageregere children, which will provide at least Frw 200,000 to Frw 600,000 income per month to each household. All the costs will be taken care by the BRD in conjunction with its staff. The Board Chairman said that this project will be realized before the end of the 100 days of commemoration.
- The Bank also provides support to survivors of the family members of the ones we are commemorating today and this support is a continuous process.

In his conclusion remark, the Board Chairman reminded those who were present that the memorial period was not ending on Wednesday, 13 April 2011, but it continues for a period of 100 days.

The IBUKA and CNLG representatives also gave out their remarks, comforted the survivors and encouraged them to preserve their dignity. They took that opportunity and talked about the commemoration importance.

**BRD**

# Bank of Kigali donated 11 frisian cows to genocide survivors of Bumbogo

*One of 11 frisian cows offered to genocide survivors of Bumbogo*

Like all Rwandans and the International Community, on 23rd April 2011 Bank of Kigali management and staff commemorated the 17th year of the Genocide against the Tutsi that happened in 1994. As a tradition, this was done in two fold functions.

The commemoration is done in memory of the former staff of the Bank who perished during the Genocide. This is done together with the families of the former employees. On the other hand, the Bank team visited the genocide survivors of Bumbogo- Nguzuzu, Gasabo district. In order to promote the wellbeing of genocide survivors, the Bank has donated 11 Frisian cows to the orpharns and widows in the genocide survivor community of Bumbogo- Nguzuzu Gasabo district.

BK

# From Kigali to Indianapolis, the road to reconciliation

*Decatur Discovery Academy, Indianapolis, USA*

On the 23rd, April 2011 at the Decatur Discovery Academy, Indianapolis, USA convened the 17th commemoration, of the 1994 Tutsi Genocide in Rwanda. It is not common to have such events organized outside Rwanda, but this was a fruitful and well organized one; with a well organized committee; among them the reknown and respected gentleman Dr. Ian McIntosh together with Kizito Kalima, John Mussine, Catthy Mckay, and Stacey Kalima saw this important event take place.

A delegation representing Rwanda included the Executive Secretary of CNLG, Mr Mucyo Jean de Dieu, rwandan Ambassador to the USA Mr James Kimonyo, the then Mufti of Rwanda Saleh Habimana and the Rt. Rev. Bishop Rucyahana John President of the National Unity and reconcialition commission (NURC) The Indianapolis model employed at the commemoration of the Rwandan genocide against the Tutsi in 1994, this model was a unique demonstration of the power of a reconciliation event to open the way for change in relationship between Hutu and Tutsi Rwandans in Diaspora.

In his speech, the Rwandan Bishop from Shyira Diocese of the Anglican church of Rwanda, also an award winner for his contribution towards the reconciliation process in Rwanda. The Rt. Rev. Bishop John Rucyahana was quoted as saying "this commemoration is very strong for the promotion of unity and harmony". The Rwandan delegation used this opportunity to communicate to a big crowd which had attracted a very large group of over 200 participants including many American high school students from Decatur Discovery Academy and university students from Indiana university-Puruclue university at Indianapolis, and Martin university, this panel comprised of a majority of Hutu youth all of whom spoke with strong personal commitments to reconciliation.

***Bishop Rucyahana described the 17th Commemoration of the Genocide Against the Tutsi held in Indianapolis as "...very strong for the promotion of unity and harmony"***

Individually, the panelists described their current projects both at home in Rwanda and in Diaspora, for this greater common goal of unity and harmony.

A Rwandan youth, Jean Michel Habineza was present at this function, spoke of his leadership of "walk to remember", a series of commemorative walks and related discussions around the world designed to raise the profile of Rwanda's history and current trajectory as the most progressive country in the region. As he said, "Rwanda is not perfect, but it is a miracle". Among the many participants present was a Rwandan artist, a famous actor and star of "Long coat" Edouard Bamporiki, who also spoke of his continuing work in prisons and around the country to promote our common vision of reconciliation.

The 17th commemoration of the 1994 rwandan Genocide against the Tutsis, was an opportunity for creating a networking and inspiring an ever increasing number of people, to become actively involved in a peace, unity and reconciliation process. As we all know, what happens in Diaspora has a direct and immediate impact on what happens in Rwanda in terms of peace and security. By building these links of friendship and cooperation in North America and around the world, the potential for Rwanda's continued growth and prosperity is assured.

The objectives of this 17th commemoration at the Indianapolis, one amoung the many was to be the launch point for a whole range of new and motivational events of a reconciliation nature across the USA. The main task was for the organizers to see how could they bring together the devided communities (Hutus and Tutsis) and open the way for reapprochement. According the organizers, there is a very big number of Tutsis in South Bend and Indiana where as in the neighbouring Michigan and Dayton not forgetting Ohio where there is a considerable number of Hutus living there, this was the right time to bring them together, pave the way and put in place the road to reconciliation.

Amoung the many dreams Kizito Kalima and friends have, is a unity day to be held at the "NOTRE DAME University" to bring together the Rwandan Diaspora community in a free environment of togetherness, reinforcing the fact that Hutu, Tutsi and Twa are members of one Rwandan family, and

# From Kigali to Indianapolis, the road to reconciliation

*The President of Martin University, a predominantly African American university 'of healing', expressed great interest in extending their 'education for healing' mandate to Rwanda and serving as an envoy of unity and reconciliation on behalf of Rwanda.*

*From page. 12*

see them seated together in peace and harmony. To crown this, all Kizito Kalima and his friends are thinking of inviting Rwandan artists and singers, with the likes of Kizito Mihigo, actor Edouard Bamporiki and others to make sure the occasion would be colourful.

Amoung the many speeches made that day, was an encouraging one from the then Rwandan Mufti Saleh Habimana quoted as saying "in order to heal you must forgive(…) you forgive in order to be free, to have a clear mind, and to be able to work hard". Mufti Saleh Habimana was calling up on the Rwandan community living in the USA and worldwide to join up hands in contributing to the peace, unity and reconciliation process.

In his remarks, Ambassador James Kimonyo recognized this day and the Indianapolis model as "a model bringing Rwandan kids together with a unifying message".

This 17th commemoration attracted participants from different countries amoung them, Kenya Burundi, Nigeria, and Guinea. Students from these countries attended the Indianapolis Model and witnessed the whole process, and there will be undoubtedly positive outcomes as others learn from Rwanda the necessary steps for creating a strong and unified nation.

*The most significant thing about this commemoration was that its success has opened the eyes of many Rwandans and friends of Rwanda to a whole new field of opportunity for reconciliatory activity in the Diaspora.*

### Foreign relationship growing between Rwanda and the US

The Indianapolis Mayor Gregory Ballard met with the delegates and in a meeting, an idea was floated for Indianapolis and Kigali to become sister cities, which is an important avenue for business development from both sides.

Mayor Ballard Gregory had been seeking a potential sister partnership in Dakar Senegal, but when he learned that Rwanda's economy is booming and it has the least corruption, the cleanest streets in Africa, and is very business-friendly, he promised to investigate the possibility.

The president of Martin university, a predominantly African American university of healing expressed great interest in extending their education for leading mandate to Rwanda and was committed to serving as an envoy of unity and reconciliation on behalf of Rwanda.

### Education Sector

One of the Indianapolis commemoration organizers, Mr Kizito Kalima, a survivor himself, has already suggested to other members of the Indianapolis steering team that an NGO be established to help in the coordination of reconciliation activities. A tentative title for this group is: "Global genocide prevention alliance" which is expected to bring together a strong body of Academics like Dr Ian McIntosh and Dr. John Stanfield from Indiana University who both teach truth and reconciliation studies and a Rwandan professor John Musiine from Martin University.

The 17th commemoration of the Genocide against the Tutsis held at the Indianapolis on April, 23,2011 was an extraordinary event not only because of the size of the audience or the importance of the visiting delegation or even its unique focus on reconciliation between all Rwandans. The most significant thing about it was that its success has opened the eyes of many Rwandans and friends of Rwanda to a whole new field of opportunity for reconciliation activity in the Diaspora. What was considered impossible by many, is now a reality.

**Kisakye Naphtal/CNLG.**

*Mufti Habimana, Bishop Rucyahana, Jean de dieu Mucyo, and Ambassador Kimonyo participated in a panel discussion at commemoration.*

# SONARWA yibutse abari abakozi bayo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi

***Ku itariki ya 17 Kamena 2011, ubuyobozi n'abakozi ba Sonarwa bibutse bagenzi babo bakoraga muri icyo kigo mbere ya 94, baza kwicwa bazize Jenoside mu mwaka w'1994. Uwo munsi kandi abantu barokokeye mu bigo by'abapadiri i Kigali, kuri paruwasi sainte Famille, muri Saint Paul, no muri CELA bafatanyije n'abandi kwibuka bagenzi babo bari bahunganye bakabana igihe gito muri ibyo bigo, nyuma bakaza kuvanwamo bakicwa, mbere y'uko FPR Inkotanyi itabara. Bukeye bwaho, ku itariki ya 18 Kamena, abanyamuryango ba AVP(Association des volontaires de la paix-umuryango nyarwanda uharanira uburenganzira bwa muntu),bibutse bagenzi babo bari bafatanyije uwo mugambi mwiza bakaza kwicwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi, muri Mata 94.***

*Hashyizwe indabo ku rwibutso rwanditseho amazina y'abakozi bishwe muri Jenoside*

Abari mu muhango wo kwibuka abari abakozi ba SONARWA, babashije gusomerwa amazina y'abo bakozi bishwe bazira ubwoko bwabo. Abo bishwe n'ubundi bari imbuzakurahira kuko abantu benshi bakoze muri SONARWA mbere ya 94 bemeza ko kugira ngo uhabwe akazi muri icyo kigo mbere y'intambara wagombaga kuba uri umuhutu, kandi icyo kintu kikaba cyarasaga nkaho cyemewe. Ikindi ni uko ubwo bwicanyi bw'indengakamere bwashobotse kubera Guverinoma zabanje zari zaracengeje mu bantu, igihe kirekire ingengabitekerezo ya Jenoside.

Abafashe ijambo bose muri uwo muhango, batsindagiye akamaro ko kwibuka : kwibuka kugira ngo abantu bongere biyubakire igihugu, bashishikarire ubumwe n'ubwiyunge, kandi abana bamenye ukuri kw'ibyabaye. Bwana Itangishaka Bernard wari uhagarariye Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside yavuze ko kwibuka ari uburyo bwo kurwanya abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi, ashishikariza ababishoboye bose gukora ubushakashatsi bugaragaza ukuri kw'ibyabaye.

Uwari uhagarariye SONARWA muri iyo mihango we yasezeranije impfubyi zasizwe n'abari abakozi b'icyo kigo bazize Jenoside, kuzabafasha mu bijyanye no kuriha amafaranga y'ishuri n'ibindi byo kubatunga.

Kuri uwo wagatanu 17 Kamena kandi, abantu barokokeye mu bigo by'abapadiri byavuzwe bafatanyije n'abandi banyarwanda mu ijoro ryo kwibuka. Ijoro ryo kwibuka ryabimburiwe n'urugendo rwo kwibuka rwahagurukiye ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi rukerekeza ku kigo cya Saint Paul hari hateganyijwe kandi habereye iryo joro ryo kwibuka.

Bamwe mu bafashe ijambo muri uwo muhango ntibabuze kugaragaza ukuntu muri ibyo bigo by'abihayimana, abapadiri bamwe baranzwe n'umwete mu guhiga Abatutsi bari bahahungiye, mu gihe hari abandi bashishikajwe no gutabara abahigwaga. Mu bavuzwe kugira uruhare mu bikorwa by'ubwicanyi hari Padiri Munyeshyaka Wenceslas. Abandi bavuzwe muri uko guhiga Abatutsi bari muri ibyo bigo by'abapadiri, hari Jenerali Munyakazi, Koloneli Renzaho Tharcisse, na Mme Kamashara wari Konseye ku Muhima. Uwari uhagarariye CNLG yavuze ko kwibuka ari intambwe imwe mu kurwanya abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi, bikaba n'uburyo bwo kubungabunga ibimenyetso byayo, maze asaba abafite ubuhamya bose kubwegeranya kugira ngo hazagire ubwo haboneka inyandiko yuzuye igaragaza imikorere ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Abafashe ijambo bose bashimiye ingabo zahoze ari iza FPR-Inkotanyi igikorwa cy'ubutwari bakoze bahagarika ubwicanyi, barokora abari batahiwe kwicwa.

*Bitabiriye umuhango wo kwibuka muri Saint Paul*

Bukeye bwaho, ku itariki ya 18 Kamena, abanyamuryango ba AVP(imwe mu miryango nyarwanda iharanira uburenganzira bwa Muntu- Association des volontaires de la paix mu magambo arambuye), bibutse bagenzi babo 42 bari abanyamuryango mbere ya 94, bakaza kwicwa bazizwa ubwoko bwabo. Havuzwe ukuntu, bafatanyije n'abandi, bahamagariye amahanga gutabara Abanyarwanda ubwo hicwaga Abagogwe, n'Abatutsi bo mu Bugesera nyuma ya 91 (mu cyiswe igerageza rya Jenoside).

Uwari uhagarariye CNLG, Komiseri Mukamazimpaka Hilarie, yasabye ko mu bikorwa byo kurengera uburenganzira bwa muntu, iyo imiryango yakangukira no gushyira ukuri ahagaragara ku byerekeye Jenoside yakorewe Abatutsi n'ibikorwaby'iterambere byagezweho nyuma yayo, aho kubigoreka bakurikiye inyungu zabo bwite.

Ibikorwa byo kwibuka ni byo bizatuma Abanyarwanda bavuka n'abazavuka ejo bamenya ububi bw' itsembabwoko, bikabafasha kwiyubakira igihugu mu buryo burambye.

**Byegeranyijwe na Antoine Rwagahilima**

# 17th commemoration of CSR Staff who were killed in the 1994 genocide against Tutsi

*A vigil was organised in memory of CSR staff killed in 1994.*

CSR is an institution that was founded in 1962 under the colonial rule and its sole purpose was and as it is today; providing pension & occupational hazard benefits.

CSR like many other government institutions was caught up at the center of abuse of power with segregation on ethnic lineage. During the year 1994 when Tutsis were being killed, 19 employees of CSR lost their lives.

It's in this respect, with the good government leadership that we remember the victims of 1994 genocide against the Tutsi annually. CSR as an institution has been involved in the acts of supporting the genocide survivors as well as keeping the mass graves for the victims a sanctuary for those left behind to find solace.

For the 17th commemoration of the genocide against Tutsi, CSR arranged a vigil on the 6th may 2011 for the CSR staff that were killed during the genocide. The survivors' families and the neighbouring institutions were invited to a "walk" to remember the victims as well as a vigil in memory of the colleagues and loved ones lost. During the vigil, films depicting the organization and the perpetrators of the genocide were watched however; a message of hope was passed to the survivors. Testimonies from survivors were heard and heartfelt.

This year, CSR has supported the genocide survivors of Mbazi sector in Huye District, Southern province.

On 3rd may, 20 cows were donated to the genocide survivors who included; orphans and widows, in order to improve on their social welfare.

In the past years, CSR participated in the construction of the Kicukiro genocide monument that has all names of the victims and this was done through funds donation. The institution has supported other memorial sites with the welfare of genocide survivors like; Nyanza/ Kicukiro, Murambi(GASAKA) widows, Musha, Gisagara, Nyamata and Nyanza Orphans.

CSR is not only committed to supporting genocide survivors but will always be a family to the vulnerable people in Rwanda.

CSR Management

*The survivors' families joined the CSR staff in a walk to remember.*

# Karongi: a vigil in memory of families entirely decimated during genocide perpetrated against the Tutsis

Organized by the association of the former surviving students of the genocide (GAERG), the vigil took place in the night of the 21 to 22 May 2011, on the land of the former Gatwaro stadium, in Karongi District, West Province. An initiative that, in substance had the following meaning: "you passed away, but you will never fall in the dungeon of history, whereas we are fortunately still alive after having survived the same genocide that carried you away , letting no member of your family in life."

The vigil, to what participated as guest of honor Mr Kabahizi Célestin Mr Kabahizi Célestin Governer of Ouest Province, began at 5 p.m, after a walk of the memory left from the Gatwaro stadium toward the "home Saint Jean" and the parochial church of Kibuye where are several tombs of people killed during the genocide in 1994.

Sheaves of flowers have been deposited there before the cortege comes back to the genocide memorial site of Kibuye, suited next the former Gatwaro stadium, currently demolished to receive the buildings of the extension of the Kibuye hospital .

During this night of commemoration, it has been given reading of the names of the members of families entirely decimated during the genocide as recorded by an investigation carried out by the GAERG in all sectors of the district of Karongi (that means families wiped out without letting no survivor, either 2839 families counting 13.371 members).

And so that the participants, especially the youngest that were there understand how one was able in to arrive there (a genocide carrying away more than a million of lives during three months), Mr Kayumba Bernard, Mayor of Karongi District, and an aged person witness of the massacres having aimed the Tutsis since 1959, explained in a long communication how the Tutsis, during the 2 republics setting up after the independence, have been considered always like citizens of second zone: Marginalized in the teaching, submitted to quotas for their admission in the secondary schools, hunted of the public administration, and forbidden to exercise their functions in the very rare cases where they had been elected to the head of the basis processes.

*Governor Kabahizi Celestin ( middle) and Dr Dusingizemungu Jean Pierre, President of IBUKA ( on the right)*

During the vigil, this difficult life experienced by the Tutsis in Rwanda before 1994 has been interpreted in a sketch played by students of "Kigali institute of education" (KIE) showing some young furious not to be able to continue their studies in spite of very good notes gotten to the exams of admission, and regaining later on the ranks of the Rwandan patriotic Front, before coming back to the country as liberators in 1994.

Dr Dusingizemungu Jean Pierre, president of Ibuka who took the floor after a representative of NCFG(National Commission of fighting against the genocide) exposed on the necessity to commemorate genocide perpetrated against the Tutsis, rented the initiative of the GAERG, in this sense that it arrives at the right time as an answer to the deniers (making allusion to a broadcast of the BBC during which an interlocutor, under table setting of the Rwandan culture had risen up against the idea of exposing some bodies of victims of genocide by way of proofs of genocide perpetrated against Tutsis. (The deniers of genocide perpetrated against the Tutsis would not like indeed that the genocide proofs (the human bodies) are kept for the memory).

In his speech of circumstance the Governor of the west Province, pleased because this year such an activity of commemoration takes place in his Province, asked that the same investigation aimed to make lights on the entirely decimated families is led in the other districts of the Province and assured the promoters of the event that the Rwandan Government does his utmost to preserve proofs of genocide perpetrated against theTutsis.

**Antoine Rwagahirima**

*A view of the 21 st May 2011 walk to remember.*

# Mu rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi hafunguwe imurika rihoraho ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi

***Ku rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, mu Karere ka Nyamagabe, ku itariki ya 21 z'ukwezi kwa Gicurasi, habereye imihango ibiri ikomeye : gushyingura imibiri y'abantu 22 bazize Jenoside biciwe muri ako gace ka Murambi, no gufungura imurika rihoraho ku mateka ya Jenoside, rigizwe n'amafoto,amafilime arimo ubuhamya bw'abarokotse Jenoside, ubw'ababateye abahigwaga, n'ubwabasikare ba FPR Inkotanyi bagobotse abicwaga, amajwi yahitaga kuri radio RTLM muri 94 ahamagarira abantu kwica Abatutsi n'ibindi….***

***Abayobozi banyuranye barimo Nyakubahwa Perezida wa Sena, Dr Biruta Vinsenti, ( uwa gatanu uhereye ibumoso)bunamiye inzirakarengane zishyinguye kumva ya Murambiku rwibutso.***

Ibyo bikorwa bibiri byateguwe na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside ifatanyije n'Ikigo cya Aegis Trust(ni cyo kigo kinacunga urwibutso rwa Kigali ku Gisozi).

Umushyitsi mukuru yari Nyakubahwa Perezida wa Sena, Dr Biruta Vincent wari uhagarariye Umukuru w'Igihugu muri uwo muhango.

Nyuma yo guhabwa ikaze no gusobanurirwa na Mme Mukarwego Immaculée, Vice Mayor ushinzwe Ubukungu, wari mu mwanya w'Umuyobozi w'Akarere ukuntu Abatutsi bari bahungiye ku musozi wa Murambi, guhera ku itariki ya 21 Mata 1994, bishwe n'abasirikare, abajandarume n'interahamwe, abashyitsi bakuru bari bitabiriye umuhango bashyize indabo ku mva zishyinguyemo izo nzirakarengane. Nyuma yaho hashyinguwe mu cyubahiro imibiri y'abantu 22 bazize Jenoside yabonetse mu minsi ishize. Ibyo birangiye n'abandi bantu bafite abantu bashyinguye muri iyo mva yo ku rwibutso rwa Murambi, bahawe umwanya wo kuhashyira indabo, nk'ikimenyetso cy'urukundo bakibafitiye.

***Hashyinguwe indi mibiri 22***

Hakurikiyeho igikorwa cyo gusura bimwe mu byumba birimo imibiri igaragaza ubugome ndengakamere bw'abakoze Jenoside : imibiri y'abakuru batemwe mu mutwe cyangwa bishwe baciwe amaguru cyangwa amaboko,imibiri y'impinja zishwe zitaragira n'amezi atandatu…..Mbere y'uko binjira muri ibyo byumba bimurikwamo imibiri y'izo nzirakarengane, umukozi wa Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside ukorera ku rwibutso rwa Murambi yabasobanuriye ko imibiri iri aho yasizwe ishwagara kugira ngo ibashe kumara igihe(ye kumungwa), ko igaragaza neza ko ubwicanyi bwakozwe ari Jenoside atari intambara nk'uko abapfobya bakunze kubivuga kuko mu ntambara ntibica impinja n'ibibondo.

Nyuma yo gusura iyo mibiri yabitswe nk'ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi, abashyitsi bakuru basuye ahazajya hamurikirwa amateka

***Komeza urup18***

# Mu rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi hafunguwe imurika rihoraho ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi

***Basobanuriwe ibizaba bikubiye mu imurika rihoraho ku mateka ya Jenoside ya Murambi***

*Ibikurikira urup. 17*

ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri kariya gace ka Murambi kari mu cyahoze cyitwa Ubufundu. Si ibiranga Jenoside yakozwe mu mwaka w'1994, hari n'ibindi byose bigaragaza uko Jenoside yakongejwe ikenyegezwa kuva muri za 59, amafoto agaragaza urugomo rwakorerwaga Abatutsi kuva muri biriya bihe, amafilime yumvikanamo ubuhamya bw'abagiye bakorerwa urwo rugomo, mbere ya 94, ubw'abarokotse muri 94, ubw'abatabaye abahigwaga ndetse rimwe na rimwe ku bw'amahirwe bakaza kurokoka, ubw'abahoze ari ingabo za FPR Inkotanyi bakijije abari bataricwa babavana ahobaribihishe,n'ibindi…. Umuntu abasha no kumva amajwi yafashwe y'abanyamakuru ba RTLM bahamagariraga icyo gihe muri 94 kwica Abatutsi. Muri iyo nzu izajya ikorerwamo imurika ry'amateka ni naho hateganyijwe ahazazanwa imibiri izabikwa mu buryo burambye ahantu habigenewe hatinjira umwuka, abantu bakazajya bayireba iri mu birahure.

Bavuye aho hazajya hamurikirwa amateka ya Jenoside, habayeho kugaruka mu byicaro, no gutega amatwi ubuhamya bwa Mudahangana Simoni, umwe mu bantu cumi na batatu bazwi barokokeye aho i Murambi mu bantu ibihumbi 50 bari barahakusanyirijwe bizezwa ko ari ukugira ngo babarindire umutekano naho ari ukugirango bicwe. (Soma ubuhamya bwa Mutangana ku rup 19).

Ubuhamya bwa Mutangana bwakurikiwe n'ijambo rya Perezida wa Ibuka,Dr Dusingizemungu Jean Pierre, yashimye kiriya gikorwa cyo kumurika amateka ya Jenoside mu karere ka Murambi, ati ni « inzira nziza yo kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo (…) ni amateka azafasha abana gusobanukirwa neza icyateye Jenoside ndetse n'ingaruka zayo. Umuyobozi wa Ibuka yasabye ko hakwigwa uburyo habaho imurika ry'amateka ryimukanwa (expo mobile) kugira ngo bifashe n'abatazashobora kugera aho ku rwibutso, ariko anasaba ko inzego zitandukanye zashishikariza abantu kujya basura inzibutso za Jenoside ntibiharirwe abanyamahanga.

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco, Bwana Mitali Protais afashe ijambo, we yavuze ko abambari b'ipfobya bageze n'aho basigaye bapfobya na za gahunda zo kwibuka, atanga urugero ku muntu wavuze mu kiganiro cy'imvo n'imvano cyahise kuri Radio BBC ko atemeranya na gahunda y'igihugu yo kwibuka, (kandi yemeza ko yarokotse Jenoside), ngo kuko ibasubiza inyuma. Minisitiri Mitali ati « Nemere koko ko hari abo kwibuka byahungabanya, ariko mbasabe kutagwa mu mutego w'abafite gahunda ndende yo gupfobya Jenoside no gupfobya kwibuka, kuko kwibuka nibyo bigaragaza isura nyayo ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ».

Mu ijambo risoza imihango, Nyakubahwa Perezida wa Sena, yagejeje ku bari aho indamutso ya Nyakubahwa Perezida Paul Kagame wari wamutumye abashimira kuba bayitabiriye ari benshi, kandi ashimira abaturage ba Murambi batanze ubuhamya kugira ngo amateka yo muri Murambi amenyekane. Yagize ati « Kwita, kubungabunga no kumurika amateka ya Jenoside ni imfashanyigisho ku gihugu cyane cyane ku banyarwanda b'ejo hazaza( …), bituma abahakana cyangwa abapfobya Jenoside babura aho bahera kuko ibimenyetso biba bihari ». Yavuze ko mu gihe abanyamahanga bamwe aho kurengera abahohoterwaga, ahubwo bafashe uruhande rw'abakoraga Jenoside, ati « N'ubwo (ariko) igihugu cyacu cyabayemo Jenoside, abana b'uRwanda nibo bahagaritse Jenoside, amahanga arimo arebera. Yarangije ijambo rye atangaza ko imurika ku mateka ya Jenoside (mu rwibutso rwa Murambi) rifunguwe ku mugaragaro.

**Antoine Rwagahilima**

***Basuye ibyumba bibitsemo imwe mu mibiri y'abazize Jenoside i Murambi***

# Ubuhamya ku itsembabatutsi ryabereye ku musozi wa Murambi ya Gikongoro muri Mata 94

***Ni ubuhamya bwatangiwe na Mutanguha Simoni mu mihango yo gutangiza igikorwa cy'imurika rihoraho ry'amateka ya Jenoside mu rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, no gushyingura imibiri 22 y'inzirakarengane zazize Jenoside muri Mata 1994. Ubwo buhamya bwerekana neza umugambi wari ho wo kurimbura ubwoko bw'abatutsi.***

Mutanguha ukomoka ku Murenge wa Tare mu Karere ka Nyamagabe, yavuze ko indege yari itwaye Perezida Habyarimana ikimara kugwa Jenoside yahise itangira mu mujyi muto wa Gasarenda, batangirira kwica ku mucuruzi witwaga Ntwari John, no ku bakozi bakoreraga Sosiyete EMUJECO.

Ubwo ngo bahise bahunga berekeza ku ruganda rw'icyayi rwa Mata, ariko muri uko guhunga ngo bahura n'uwari Burugumesitiri wa Mudasomwa Nteziryayo Emmanuel ari kumwe na OPJ(soma opeji), ababwira ko bagomba gusubira mu ngo zabo ko agiye kubarindira umutekano.

**Nyuma y'iminsi ibiri Interahamwe zaciye amatiyo kugira ngo impunzi zibure amazi yo kunywa**

Babikoze nkuko bari babibwiwe, ariko nyuma y'inama uwo Nteziryayo yagiranye n'aba Konseye b'amasegiteri, nibwo ingo zatangiye gushya. Mutangana ati icyo gihe twahungiye ku Kigeme. Icyo gihe uwitwaga Capitaine Sebuhura na Burugumesitiri wa Nyamagabe bavuze ko bashaka kujyana abantu bose (abahungaga) i Murambi wa Gikongoro, ngo kugira ngo babone uko babarinda. Niko byaje kugenda koko abari bahungiye i Kigeme n'abari bahungiye i Gikongoro ku cyicaro cya Diyosezi, bose bajyanwe i Murambi.

Nyuma y'iminsi ibiri bageze i Murambi, Interahamwe zaciye amatiyo yagezaga amazi aho i Murambi. (NDLR, aho i Murambi hari amashuri yari hafi kuzura yagenerwaga kuzaba ishuri ry'imyuga). Nyuma y'icyumweru bari aho, impunzi ngo zandikiye Bukibaruta Laurent wari Perefe wa Gikongoro, bamusaba kubashakira ibibatunga.

Perefe Bukibaruta ababwira ko kugira ngo abashakire ibiribwa byo kubatunga bagomba kubanza kwibarura. Mutangana ati : « Twaribaruye dusanga turenga ibihumbi mirongo itanu(50.000) ». Nyuma babazaniye i kamyoneti yuzuye umuceri. Mutangana yavuze ko muri icyo gihe impunzi z'Abatutsi bahigwaga zari aho i Murambi, Interahamwe zagerageje kubica, ariko zatera impunzi zikazimisha amabuye zigahunga, kugeza ubwo umunsi wa 21 Mata 1994, wabaye uw'indunduro. « Haje interahamwe ziri mu modoka y'uruganda rw'icyayi rwa Mata, imodoka z'abacuruzi bo mu Gasarenda, imodoka ya Komini Gasarenda n'iya Nyamagabe, n'imodoka imwe bari bambuye umucuruzi w'umututsi , nyuma guhera mu ma saa cyenda y'amanywa, urusakurw'amasasu rutangira kumvikana.

Mutangana yasobanuye ko babanje guhangana n'izo Nterahamwe no kwirwanaho : « Interahamwe zarateraga tukazirukankana n'amabuye, twagera ahari ikizu kidasakaye cyari cyihishemo izindi nterahamwe bakaturohamo amagrenades, bamwe bagapfa ».

*Bwana Mutanguha Simoni watanze ubuhamya*

Ngo barwanye gutyo amasaha atatu, abari bakiri bazima baba bamaze kunanirwa. Bamwe bagumye aho i Murambi hagira n'ababasha guhungira ahitwa mu Cyanika (hari paruwasi gatolika). Ngo ahagana mu ma saa kumi n'ebyiri kuri iyo tariki ya 21 mata 1994, nibwo ngo Koloneli Simba yazaniye imipanga abicanyi aho i Murambi. Nkuko Mutangana akomeza abivuga, ngo nyuma yaho Perefe Bucyibaruta yaje gutwara Interahamwe ngo zijye gutabara i Cyangugu.

Kuri uwo munsi wa 21 Mata ngo Mutangana yabashije guhungira mu masaka ku musozi wo hakurya. Agira ati « Uwo munsi barishe, bucyeye barica, ku munsi wa gatatu bazana Katerpiral n'amakamyo y'amabeni, abo bakabarenzaho itaka.

Akomeje ubuhamya bwe, Mutangana yavuze abantu bagiye bamuhisha banamuha ibyo kumutunga . Yavuze mubyara we umwe yageragaho mu masaha nijoro, akamugaburira akongera akagenda ngo budacya agihari, incuti ye imwe yari i Mudasomwa yamucumbikiye, ijoro rimwe akahava bitewe n'uko umwana w'iyo nshuti ye atashakaga « Ngo kurarana n'Inkotanyi ». Yavuze ariko cyane cyane Indi ncuti ye yamuhishe igihe cy'ukwezi Inkotanyi ziba zigeze i Butare. Iyo nshuti ye yaje guhunga ikamugira inama yo kujya mu kigo cya SOS i Gikongoro hari Abafransa, ariko Abafransa bakamuzana i Murambi.

Mu mwanya muto yari afite Mutangana ntiyabashije kubwira abamwumvaga uko yavuye i Murambi akagera i Maraba, aho Abatutsi bahigwaga bari barokotse bahurijwe n'Inkotanyi bagahabwa ibiribwa byo kubatunga n'imyenda yo kwambara .

Asoza ubuhamya bwe Mutangana yashimye ingabo za FPR zabavanye mu menyo y'abicanyi, agira inama abacitse ku icumu ko bagomba guharanira kuba abagabo, bakiyubaka bagaharanira kubaho. Hari ibintu bimwe na bimwe byavuzwe mu buhamya bigaragaza ko Jenoside ari ikintu cyapanzwe, kandi cyari kigamije kurimbura Abatutsi, kandi gihabwa ingufu n'inzego za Leta.

**Byakiriwe na Antoine Rwagahilima.**

*Umuhango wo gushyingura witabiriwe n'abantu b'ingeri zose( i buryo ni Minisitiri Kanimba Francois)*

# Muri Huye hafunguwe imurika ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi

Ni ku nshuro ya kabiri hateguwe iri murika ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, kuko ubwa mbere ryabereye mu Mujyi wa Kigali, aho ryakozwe mu cyumweru cyibanziriza icyumweru cy'icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya 17 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Akarere ka Huye kakaba kabaye aka mbere mu Ntara kakiriye iryo murika ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, kuko icyahoze ari Perefegitura ya Butare aka karere gaherereyemo cyagize uruhare rukomeye mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi.

Muri uwo muhango wo gufungura ku mugaragara imurika ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, wabereye mu nzu mberabyombi y'Akarere ka Huye, witabirwa n'Abanyacyubahiro batandukanye barimo Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Bwana Alphonse Munyentwari, Musenyeri wa Diosezi ya Butare Rukamba Philippe, Umukuru w'Ingabo n'uwa Polisi mu Karere ka Huye, Umuyobozi w'Akarere ka Huye ndetse n'abaturage bo muri ako Karere batari bacye.

Uwo muhango kandi wari witabiriwe na Perezida wa IBUKA akaba na Komiseri muri Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside Dr Dusingizemungu Jean Pierre, Bwana Mucyo Jean de Dieu Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) ndetse na bamwe mu bakozi b'iyo Komisiyo.

Iryo murika ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ryateguwe na Aegis Trust/Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali hamwe n'Umusanzu/ ICTR babifashijwemo na Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside( CNLG). Muri iri murika harimo amashusho yateguwe mu rwego rwo kwibuka ku nshuro ya 17, hakaba n'andi mashusho asanzwe yarateguwe na Aegis Trust hakaba kandi n'inyandiko zivuga kubyerekeye Jenoside n'ubutabera zanditswe n'abana babifashijwemo n'umusanzu gahunda ya ICTR igamije kumenyekanisha ibikorwa n'intego yabyo.

Mu ijambo rye, Mucyo Jean de Dieu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG yashimiye abitabiriye uwo muhango, avuga ko ikigamijwe ari ukwerekana ukuri kw'ibyabaye muri Jenoside, abasobanurira ibice bigize iryo murika ko harimo igice cya mbere kivuga ku mateka ya mbere ya Jenoside, igice cya kabiri kivuga kuri Jenoside no ku kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, uburyo yateguwe n'uko yashyizwe mu bikorwa n'igice gisoza cyerekana aho u Rwanda rugeze rwiyubaka nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

*Umuhango witabiriwe n'abayobozi banyuranye: Uhereye iburyo Bwana Alphonse Munyentwari, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Myr Rukamba Philippe, Umushumba wa Diyoseze ya Butare na Bwana Mucyo Jean de Dieu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG.*

***Bacanye urumuri rw'icyizere***

Yakomeje avuga ko bifuje ko icyo gikorwa cyatangirira mu Karere ka Huye aha hakaba harahoze ari Prefegitura ya Butare. Ngo niho havukiye amategeko icumi ya Gitera, kandi niyo yaje kuba amategeko icumi y'Abahutu. Uyu Gitera yari Umunyabutare." "Butare kandi ni ho hari umuprofeseri wigishaga muri "Groupe Scolaire officiel de Butare" watangije gukoresha bwa mbere ijambo "Génocide". Mucyo yakomeje avuga ko Butare ari agace kavagamo abantu nka Yohani Kambanda wagize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside, Ababikira b'i Sovu bagize uruhare rukomeye muri Jenoside n'abandi benshi bo muri Butare.Nyuma yo gutambagizwa no gusobanurirwa ibice bigize iryo murika ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Alphonse Munyentwari yafashe umwanya ashimira abitabiriye uwo muhango ariko by'umwihariko yashimiye Mucyo Jean de Dieu Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG n'abo bakorana, abashimira uko igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 17 Jenoside yakorewe Abatutsi cyagenze, abashima n'umurava bakorana mu kazi kabo kaburi munsi, avuga ko ari umwanya abaturage b'Amajyepfo babonye wo gushimira CNLG.

Yakomeje avuga ko icyo bakura mu kwibuka no muri iri murika ari icyerekezo kirambye ntawusigaye inyuma. Avuga ko bafashe icyemezo cyo kubyaza umusaruro iryo murika, ko amashuli, ibigo, abamotari, n'abandi bakorera mu Karere ka Huye, buri bantu bazajya bakora gahunda yabo yo gusura imurika ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo yakomeje avuga ati: " Abanyarwanda twataye agaciro, uyu ni umwanya wo kukisubiza ariyo mpamvu igikorwa nk'iki kitubabaza ariko bigatuma dutera intambwe".

Iryo murika ryatangiye mu Karere ka Huye mu Ntara y'Amajyepfo kuva tariki ya 10 rikazasoza ku ya 16/6/2011, hakaba hari gahunda y'uko ryazakomereza no mu zindi Ntara.

Umuhango washojwe no kwandika mu gitabo cy'amateka, aho Guverineri w'Intara y'Amajyepfo yanditse ubutumwa bugira buti: " Twese dukomeze twibuke, dufatane urunana twihe agaciro, twubake u Rwanda".

**Kanzayire Gertrude**

DUSHYIGIKIRE UKURI, TWIHESHE AGACIRO